RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2024** Tariki 31 Gicurasi -02 Kamena




## P.1 Basketball : Ikipe ya Petro De Luanda yegukanye BAL 2024

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Basketball :** Ikipe ya Petro De Luanda yegukanye BAL 2024

P2 **Goalball :** Kirehe na Rwamagana zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P2 **Football :** Hasojwe irushanwa “Community Youth Cup 2024”

P3 Habaye siporo rusange idasanzwe

P3 **Taekwondo:** Police TC yegukanye igikombe cy’irushanwa ryo Kwibuka

P4 **Handball :** APR HBC na Three Stars zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P4 **Swimming :** Habaye irushanwa mpuzamahang ryateguwe na Mako Sharks SC

P5 **Football :** Hasojwe irushanwa “FERWAFA Youth League 2023-2024”

P5 **Triathlon :** Tuyisenge na Uwineza Hanani begukanye irushanwa ryo Kwibuka

P6 **Volleyball :** Police VC na APR VC zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

1

# **Basketball :** Ikipe ya Petro De Luanda yegukanye BAL 2024

Kuva tariki 24 Gicurasi kugeza 01 Kamena 2024 muri BK Arena habereye imikino ya nyuma ya Basketball Africa League ku nshuro ya 4 "BAL 2024" aho ikipe ya Petro de Luanda yo muri Angola yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Al Ahly Benghazi yo muri Libiya amanota 107 kuri 94. Ikipe ya Rivers Hoopers yo muri Nigeria ni yo yegukanye umwanya 3 itsinze Cap Town Tigers yo muri Afurika y'Epfo amanota 80 kuri 57.

Imikino ya nyuma yitabiriwe n'amakipe 8 yitwaye neza mu mikino y'amajonjora yabereye muri Afurika y'Epfo, Misiri na Senegal. Aya makipe ni FUS Rabat (Maroc), Petro De Luanda (Angola), Al Ahly (Égypte), Al Ahly Benghazi (Libye), Cap Town Tigers (Afrique du Sud), Rivers Hoopers (Nigeria), US Monastir (Tunisie) na AS Douanes (Sénégal).

**Uko imikino yagenze**
**Imikino y'amajonjora**
**Tariki 24-05-2024**
- Al Ahly Benghazi **87-67** Cape Town Tigers
- Al Ahly **78-89** FUS Rabat

**Tariki 25-05-2024**
- Petro de Luanda **67-70** US Monastir
- Rivers Hoopers **57-63** AS Douanes

**Imikino ya ¼**
**Tariki 26-05-2024**
- Al Ahly **77-86** Al Ahly Benghazi
- FUS Rabat **88-91** Cape Town Tigers

**Tariki 27-05-2024**
- Rivers Hoopers **92-88** US Monastir
- AS Douanes **65-66** Petro de Luanda

**Imikino ya ½**
**Tariki 29-05-2024**
- Rivers Hoopers **83-89** Al Ahly Benghazi
- Petro de Luanda **96-86** Cape Town Tigers

**Umwanya wa 3**
**Tariki 31-05-2024**
- Rivers Hoopers **80-57** Cape Town Tigers

**Umukino wa nyuma**
**Tariki 01-06-2024**
- Petro de Luanda **107-94** Al Ahly Benghazi











## **Goalball :** Kirehe na Rwamagana zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 01 Kamena 2024 kuri "Kimironko Sports and Community Space" mu Mujyi wa Kigali habereye irushanwa ry'umukino wa Goalball ukinwa n'abantu bafite ubumuga bwo kutabona mu rwego rwo Kwibuka abari mu muryango mugari wa siporo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Goalball Genocide Memorial Tournament 2024".

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 3 mu bagabo ari yo Musanze, Rwamagana na Kirehe naho mu bagore hari UR Rukara, Rwamagana, Nyagatare na Musanze.

Ikipe ya Kirehe mu bagabo na Rwamagana mu bagore ni zo zegukanye irushana ryo kwibuka.

Mu bagabo, ikipe ya Kirehe yegukanye igikombe itsinze Rwamagana ibitego 11-08 naho mu bagore ikipe ya Rwamagana yegukanye igikombe itsinze Nyagatare ibitego 6-4 naho Musanze isoreza ku mwanya wa 3 itsinze UR Rukara ibitego 9-3.








## **Football :** Hasojwe irushanwa "Community Youth Cup 2024"

Tariki 01 Kamena 2024 kuri Kigali Pelé Stadium hasorejwe irushanwa ry'abakiri bato mu mupira w'amaguru "Community Youth Cup 2024". Iri rushanwa ryahuje amarerero yose y'umupira w'amaguru mu gihugu ahakinnye abana basanga ibihumbi 4.

Mu batarengeje imyaka 16, Intare FA yatsinze Bayern Munich Academy ibitego 3-0. Mu batarengeje imyaka 13, Intare FA yegukanye igikombe nanone naho mu batarengeje imyaka 10 igikombe cyegukanwa na Green Team Football Center.










# Habaye siporo rusange idasanzwe

Tariki 02 Kamena 2024 mu gihugu hose habaye siporo rusange idasanzwe aho by'umwihariko yitabiriwe n'abagore bo mu nzego zitandukanye, abagabo ndetse n'abana mu rwego rwo gukora ubukangurambaga hagamijwe gushishikariza umuryango nyarwanda gukora siporo kugira ngo bagire ubuzima bwiza.











# Taekwondo: Police TC yegukanye igikombe cy'irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 01 na 02 Kamena 2024, i Kirehe habereye irushanwa ry'umukino njyarugamba wa Taekwondo mu rwego ryo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'abakinnyi basaga 200 baturutse mu makipe n'amashuri y'umukino wa Taekwondo atandukanye mu Rwanda.

Ikipe ya Police TC ni yo yitwaye neza yegukana iri rushanwa ikurikirwa na Kirehe Family TC naho Dream Fighters TC isoreza ku mwanya wa gatatu.

Mu bakinnyi ku giti cyabo, Masabo Olivier wa Police TC na Tuyisenge Kevine wa Dream Fighters TC ni bo bahize abandi.

Mbere yo gutangira irushanwa abitabiriye bose bakoze urugendo rwo Kwibuka Banasura Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Nyakarambi mu Karere ka Kirehe.







## **Handball :** APR HBC na Three Stars zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 31 Gicurasi kugeza 02 Kamena 2024 habaye irushanwa ry'umukino wa Handball mu rwego rwo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Handball International Genocide Memorial Tournament 2024".

Ikipe ya APR HBC mu bagabo na Three Stars mu bagore ni zo zegukanye iri rushanwa.

Mu bagabo hari hitabiriye amakipe 8 ashyirwa mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Police HBC, UR Huye, UR Rukara (Rwanda) na Prisons (Uganda) naho itsinda B rigizwe na Gicumbi HBT, APR HBC, Nyakabanda (Rwanda) na Makerere University (Uganda).

Nyuma y'imikino y'amajonjora, ikipe ya APR HBC muri ½ yitwaye neza itsinda Prions HC ibitego 29 kuri 26 naho Police HBC itsinda Gicumbi HBT ibitego 38 kuri 24.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya APR HBC yatsinze Police HBC ibitego 24 kuri 22. Mu guhatanira umwanya wa 3, Gicumbi HBT yatsinze Prisons ibitego 36 kuri 34.

Mu bagore hari hitabiriye amakipe 5 ari yo UoK, UR Huye, UR Rukara, Three Stars (Rwanda) na Prisons HC(Uganda). Aya makipe yakinnye hagati yayo, ikipe ya mbere, Three Stars yegukana igikombe.







## **Swimming :** Habaye irushanwa mpuzamahang ryateguwe na Mako Sharks SC

Tariki 01 na 02 Kamena 2024 muri Green Hills Academy mu Mujyi wa Kigali habereye irushanwa mpuzamahanga ry'umukino wo Koga "Mako Sharks Summer Invitational Swimming Championship 2024" rikaba ryari ryateguwe n'ikipe ya Mako Sharks SC.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'abakinnyi 170 bari baturutse mu makipe 7 harimo 4 yo muri Uganda ari yo Aquatic Academy Kampala, SILVERFIN Academy, Hertz SC, Whales Swimming Academy Entebbe ndetse n'amakipe 3 yo mu Rwanda ariyo Mako Sharks SC, CS Karongi na Kigali SC.

Abakinnyi bitabiriye bari mu byiciro bitandukanye by'imyaka birimo abafite imyaka 8, hagati ya 9 na 10, 11na 12, 13 na 14 n'abafite imyaka 15 kuzamura.

Ikipe ya Mako Sharks SC ni yo yitwaye neza yegukana iri rushanwa aho yasoreje ku mwanya wa mbere n'amanota 3597, ikipe ya kabiri yabaye Aquatic Academy Kampala n'amanota 3590 naho ku mwanya wa 3 haza SILVERFIN Academy n'amanota 1658.





## **Football :** Hasojwe irushanwa "FERWAFA Youth League 2023-2024"

Tariki 02 Kamena 2024, kuri Kigali Pele Stadium hasorejwe irushanwa ry'abatarengeje imyaka 20 mu mupira w'amaguru mu bakobwa n'abahungu "FERWAFA Youth League 2023-2024".

Ikipe ya Gasogi United mu bahungu na APAER FC mu bakobwa ni zo zegukane iri rushanwa.

**Uko imikino ya nyuma yagenze**

**Abahungu (U-20)**
**Umwanya wa 3**
- Sunrise FC **2-2** Musanze (9-8)

**Umukino wa nyuma**
- Gasogi United **3-0** Marines FC

**Abakobwa (U-20)**
**Umwanya wa 3**
- APR FC **5-0** Indahangarwa FC

**Umukino wa nyuma**
- Kamonyi FC **0-1** APAER FC







## Triathlon : Tuyisenge na Uwineza Hanani begukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 01 Kamena 2024, i Nyamata mu Karere ka Bugesera habereye irushanwa ryo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Race to Remember Bugesera Triathlon 2024".

Tuyisenge Samuel ukinira ikipe ya Cercle Sportif de Karongi mu bagabo na Uwineza Hanani ukinira ikipe ya Gisenyi Beach Triathlon Club mu bagore ni bo begukanye iri rushanwa.

Abakinnyi bitabiriye iri siganwa bagera kuri 52 basiganwe intera ya kilometero 25,75 mu Koga, kunyoga igare no kwiruka n'amaguru. Mbere yo gusiganwa, abakinnyi, abatoza, abayobozi babanje kujya ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata, bunamira inzirakarengane zisaga ibihumbi 45 zihashyinguye.

**Uko isiganwa ryagenze**

- **Mu bagabo (25,75 km)**
  1. Tuyisenge Samuel 1h45'10"
  2. Iradukunda Eric 1h46'56"
  3. Byiringiro Christian 1h54'12"

- **Mu bagore (25,75 km)**
  1. Uwineza Hanani 2h10'10"
  2. Uwizeye Valentine 2h19'

**Abafite ubumuga (25,75 km)**
1. Rukundo Augustin
2. Turamyimana Moussa

**Relay**
- **Abagabo (25,75 km)**

1. Ngendahayo Geremie
Muhayimana Japhet
Niyonzima Olivier
2. Ndizeye Patrick
Niyonsenga Cyprien
Nziza Vivens,
3.Bigoreyiki Eliezer
Ruhumuriza Aime
Ishimwe Claudette

- **Abagore (25,75 km)**

1. Mukamuhire Irene
Nyirabyenda Neema
Mugwaneza Jeanine

2. Uwiringiyimana Liliane
Akarikumutima Zawadi
Nyirabiziyaremye Diane






# **Volleyball :** Police VC na APR VC zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 01 na 02 Kamena 2024 mu Mujyi wa Kigali habereye irushanwa ryo Kwibuga abari mu muryango mugari wa Siporo by'umwihariko abari abakinnyi, abatoza, abayobozi n'abakunzi ba Volleyball bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Volleyball Genocide Memorial Tournament 2024".

Ikipe ya Police VC mu bagabo na APR VC mu bagore ni zo zegukanye iri rushanwa ryo Kwibuka.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 10 mu bagabo aho yari agabanyije mu matsinda 3, itsinda A ryari rigizwe na Gisagara VC (Rwanda), Sky (Uganda) na Police VC (Uganda). Itsinda B ryari ririmo REG VC, Kepler VC (Rwanda) na Nemo Stars (Uganda) naho itsinda C rigizwe na APR VC, IPRC Ngoma, EAUR (Rwanda) na KAVC (Uganda).

Mu bagore hari amakipe amakipe 8 aho yari aganyije mu matsinda 2, itsinda A ryari rigizwe na Police VC, Ruhango VC , EAUR VC(Rwanda) na Nemo Stars VC (Uganda) naho itsinda B rigizwe na RRA VC, APR VC (Rwanda), KAVC (Uganda) na IPRC Kigali (Rwanda).

Ikipe ya Police VC mu bagabo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma Gisagara VC amaseti 3-0 (25-22, 25-19, 25-18). Police VC yageze ku mukino wa nyuma isezereye muri ½ ikipe ya APR VC iyitsinze amaseti 3-2 naho Gisagara VC isezerera Kepler VC iyitsinze amaseti 3-2. Ikipe ya Kepler VC ni yo yegukanye umwanya wa 3.

Mu bagore, ikipe ya APR VC yegukanye igikombe itsinze RRA VC amaseti 3-0 (25-23, 25-19, 25-22). APR VC yageze ku mukino wa nyuma itsinze EAUR VC amaseti 3-0 naho RRA VC isezerera Police VC amaseti 3-2. Ikipe ya Police VC ni yo yegukanye umwanya wa 3.















RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave